# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2023 Taliki 03-05 Werurwe



**P1. Volleyball:** Ikipe ya ForeFront VC yegukanye Memorial Kayumba 2023

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y’u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n’iby’abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y’Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by’umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n’ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y’u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Volleyball :** Ikipe ya ForeFront VC yegukanye Memorial Kayumba 2023

P2 **Cricket :** Indatwa Hampshire iyoboye urutonde muri "Dafabet RCA T10 Women's Tournament 2023"

P3 **Handball :** Ikipe y'u Rwanda U-19 mu itsinda A hamwe na Croatia izakira igikombe cy'Isi

P3 **Rugby :** Ikipe ya Lion de Fer RFC ikomeje kwitwara neza muri shampiyona

P4 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 22 yagenze

P4 **Handball:** Uko imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona yagenze

P5 **Boccia :** Hamenyekanye amakipe ane azakina icyiciro cya nyuma

## 1 **Volleyball :** Ikipe ya ForeFront VC yegukanye Memorial Kayumba 2023

Taliki 04 na 05 Werurwe 2023 i Huye habereye irushanwa ry'umukino wa Volleyball ryo kwibuka Padiri Kayumba Emmanuel wari umuyobozi wa GSO Butare wapfuye muri Gashyantare 2009 akaba yaragize uruhare mu guteza imbere umukino wa Volleyball mu Rwanda.

Iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya 13 ryegukanwe n'ikipe ya ForeFront VC mu bagabo n'abagore.
Mu makipe y'icyiciro cya mbere mu bagabo hari hitabiriye amakipe 5 aho yari mu matsinda abiri. Itsinda A ryari ririmo REG VC na Gisagara VC naho itsinda B ririmo ForeFront VC, UR Nyarugenge na UR CAVM.

Nyuma y'imikino y'amajonjora, ikipe ya REG VC na ForeFront VC zahuriye ku mukino wa nyuma, ikipe ya ForeFront VC yegukana igikombe itsinze amaseti 3-1 (24-26, 25-22, 25-22 na 25-19).
Ikipe ya Gisagara VC ni yo yegukanye umwanya wa gatatu itsinze UR Nyarugenge.
Mu bagore hari amakipe 6 yari mu matsinda abiri. Itsinda A ryari ririmo RRA VC, Ruhango VC na ForeFront VC naho itsinda B ririmo IPRC Kigali, IPRC Huye na Gisagara VB Academy.

Ikipe ya ForeFont VC yitwaye neza itsinda ku mukino wa nyuma RRA VC amaseti 3-2 (25-23, 24-26, 25-15, 13-25 na 16-14).
Ikipe ya IPRC Kigali ni yo yegukanye umwanya wa gatatu itsinze IPRC Huye.
Mu makipe yo mu cyiciro cya kabiri mu bahungu, hari hitabiriye amakipe 11 aho yari agabanyije mu matsinda 4, itsinda A ryari ririmo Christ Roi na Nyanza TSS. Itsinda B ryari ririmo PSVF, St Ignace na Ste Marie Reine. Itsinda C ryari rigizwe na GSOB, ES Byimana na GS Marie Merci naho itsinda D ririmo Gisagara VB Academy ,GS St Joseph na Gitisi TSS.

Muri iki cyiciro, ikipe ya GS St Joseph Kabgayi yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Nyanza TSS amaseti 3-2.
Ikipe ya GSOB yegukanye umwanya wa gatatu itsinze PSVF amaseti 3-1.
Mu makipe y'abiga mu cyiciro rusange "O" Level hari amakipe 8 ari yo GSOB, PSVF, Christ Roi, ES Byimana, Regina Pacis, ES Kigoma, Gisagara VB Academy na GS Mugombwa.
Muri iki cyiciro, GS Mugombwa yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma PSVF amaseti 3-2.
Muri iri rushanwa kandi hanakinnye abakanyujijeho "Veterans", Umucyo Club yegukanye igikombe itsinze Tout Age amaseti 3-2.
Uretse umukino wa Volleyball hanabaye irushanwa mu Koga "Swimming".

Ubwo iri rushanwa riheruka muri 2022 ryari ryegukanywe n'ikipe ya APR VC mu bagabo, RRA VC mu bagore na Christ Roi mu cyiciro cya kabiri "Serie B".



## 2 **Cricket :** Indatwa Hampshire iyoboye urutonde muri "Dafabet RCA T10 Women's Tournament 2023"

Taliki 04 Werurwe 2023 kuri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga hatangiye irushanwa mu mukino wa Cricket mu cyiciro cy'abagore "Dafabet RCA T10 Women's Tournament 2023".

Iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 5 yo mu cyiciro cya mbere mu bagore rikazasozwa taliki 12 Werurwe 2023 ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye na Dafabet.

Ku munsi wa mbere, taliki 04 Werurwe 2023, ikipe y'Indatwa Hampshire CC yatsinze White Clouds CC , Sorwathe CC itsinda Gahanga Queens CC naho Charity CC itsinda White Clouds CC.

Ku munsi wa kabiri, taliki 5 Werurwe 2023, ikipe ya White Clouds CC yatsinzwe na Sorwathe CC, Sorwathe CC itsindwa na Indatwa Hampshire CC naho Charity CC itsindwa na Gahanga Queens CC.

Nyuma y'imikino yabaye, ikipe y'Indatwa Hampshire CC iyoboye urutonde n'amanota 4, ikurikiwe na Sorwathe CC na yo ifite amanota 4, ikipe ya Charity CC iri ku mwanya wa 3 n'amanota 2 inganya na Gahanga Queens CC naho ku mwanya wa nyuma wa 5 hari White Clouds CC ifite ubusa.

Imikino izakomeza taliki 11 na 12 Werurwe 2023 ari bwo izasozwa aho ikipe ya mbere n'iya kabiri zizakina umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 04-03-2023**

- Indatwa Hampshire CC **43-42** White Clouds CC
- Sorwathe CC **58-57** Gahanga Queens CC
- White Clouds CC **45- 46** Charity CC

**Taliki 05-03-2023**

- White Clouds CC **25-28** Sorwathe CC
- Sorwathe CC **66-69** Indatwa Hampshire
- Charity CC **64-65** Gahanga Queens

League Matches (League Matches)

| Team | Mat | Won | Lost | Tied | N/R | NRR | Pts |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Indatwa Hampshire Women CC | 2 | 2 | 0 | 0 | 0 | 1.528 | 4 |
| Sorwathe Women CC | 3 | 2 | 1 | 0 | 0 | 0.927 | 4 |
| Charity Women CC | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0.718 | 2 |
| Gahanga Queens | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0.000 | 2 |
| WHITE CLOUDS CC | 3 | 0 | 3 | 0 | 0 | -2.267 | 0 |









## **Handball :** Ikipe y'u Rwanda U-19 mu itsinda A hamwe na Croatia izakira igikombe cy'Isi

Kuva taliki 2 kugeza 13 Kanama 2023 muri Croatia hazabera imikino y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 19 mu bahungu ku nshuro ya 10 "IHF Men's Youth World Championship 2023".

Ku wa Gatanu taliki 03 Werurwe 2023 ni bwo mu Mujyi wa Zagreb muri Croatia habereye tombola y'uko amakipe azahura mu matsinda.

Kugeza ubu hari amakipe 31 ariko imikino izitabirwa n'amakipe 32 ari na bwo bwa mbere hitabiriye amakipe menshi. Ikipe imwe isigaye izaboneka nyuma y'irushanwa mpuzamigabane "IHF Inter-Continental Trophy 2023" ririmo kubera San José muri Costa Rica kuva taliki 07 kugeza 11 Werurwe 2023.

Nyuma y'iyi tombola, ikipe y'u Rwanda yisanze mu itsinda rya mbere hamwe na Croatia izakira irushanwa, Portugal na Algeria.

Iyi mikino yaherukaga kuba muri 2019 kuko muri 2021 itabaye kubera COVID-19. Muri 2019, ikipe ya Misiri ni yo yegukanye igikombe itsinze u Budage ibitego 32 kuri 28. Andi makipe yari ahagarariye Afurika, Tunisia yasoreje ku mwanya wa 16, Nigeria isoreza ku mwanya wa 23.

**Uko amatsinda ateye**

- **Itsinda A:** Portugal, Croatia, u Rwanda n'Algeria
- **Itsinda B:** Hungary, Slovenia, Morocco na New Zealand.
- **Itsinda C:** Egypt, Iceland, Japan na Czech Republic.
- **Itsinda D:** Spain, Republic of Korea, Brazil na Bahrain.
- **Itsinda E:** Denmark, Austria, Chile na Mexico.
- **Itsinda F:** Norway, Montenegro, North Macedonia n'ikipe izegukana "IHF Inter Continental Trophy 2023".
- **Itsinda G:** Germany, Argentina, Saudi Arabia na USA.
- **Itsinda H:** Sweden, Faroe Islands, Islamic Republic of Iran n'u Burundi.



## **Rugby :** Ikipe ya Lion de Fer RFC ikomeje kwitwara neza muri shampiyona

Taliki 04 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa 8 ya shampiyona ya Rugby mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo "Rwanda Rugby League Season 2022-2023".

Ikipe ya Lion de Fer RFC yitwaye neza itsinda Kamonyi Pumas RFC amanota 109 kuri 07 naho ikipe ya Thousand Hills RFC yo itsinda Kigali Sharks RFC amanota 31 ku 09. Iyi mikino yombi yabereye ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru.

Mu wundi mukino wabereye i Rusizi, ikipe ya Muhanga Thunders RFC yatsinze Resilience RFC amanota 16 kuri 14.

Nyuma y'imikino y'umunsi wa 8 wa shampiyona, ikipe ya Lion de Fer RFC iyoboye urutonde n'amanota 29, ikurikiwe na Thousand Hills RFC ku mwanya wa kabiri n'amanota 20, Muhanga Thunders RFC (16) , Kigali Sharks RFC (14), Resilience RFC (08) na ho Kamonyi Pumas RFC ikaza ku mwanya wa nyuma wa 6 aho nta nota na rimwe ifite.

Mu ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF" batangaza ko imikino ya shampiyona y'umunsi wa 7 yagombaga kuba taliki 18 na 19 Gashyantare 2023 igasubikwa bazatangaza mu minsi ya vuba igihe izabera. Muri iyi mikino ikipe ya Resilience RFC yagombaga gukina na Thousand Hills RFC, Muhanga Thunders RFC igakina na Lion de Fer RFC na ho Kigali Sharks RFC igakina na Kamonyi Pumas RFC.

**Uko imikino yagenze**

- Resilience RFC **14-16** Muhanga Thunders RFC
- Lion de Fer RFC **109-07** Kamonyi Pumas RFC
- Thousand Hills RFC **31-09** Kigali Sharks RFC



## **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 22 yagenze

Taliki 03 kugeza 05 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa 22 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Amakipe atatu ahanganiye igikombe yitwaye neza, ikipe ya APR FC yatsinze Rutsiro FC ibitego 6-1, Rayon Sports itsinda Etincelles FC ibitego 2-0 naho Kiyovu itsinda Police FC ibitego 2-1.
Imikino y'umunsi wa 23 izaba taliki 10, 11 na 12 Werurwe 2023.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 03-03-2023**
- Gorilla FC **2-1** Marines FC

**Taliki 04-03-2023**
- Bugesera FC **0-1** Mukura
- Rwamagana City FC **2-0** Sunrise FC
- Police FC **1-2** Kiyovu
- APR FC **6-1** Rutsiro FC

**Taliki 05-03-2023**
- Rayon Sports **2-0** Etincelles FC
- Espoir FC **1-0** AS Kigali
- Gasogi United **1-2** Musanze FC

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 22 | 46 |
| 2 | Rayon Sports | 22 | 45 |
| 3 | Kiyovu | 22 | 44 |
| 4 | AS Kigali | 22 | 38 |
| 5 | Gasogi United | 22 | 36 |
| 6 | Police FC | 22 | 36 |
| 7 | Etincelles FC | 22 | 34 |
| 8 | Mukura | 22 | 31 |
| 9 | Gorilla FC | 22 | 31 |
| 10 | Musanze FC | 22 | 27 |
| 11 | Bugesera FC | 22 | 25 |
| 12 | Sunrise FC | 22 | 24 |
| 13 | Rwamagana City | 22 | 22 |
| 14 | Rutsiro FC | 22 | 18 |
| 15 | Marines FC | 22 | 16 |
| 16 | Espoir FC | 22 | 14 |




## **Handball:** Uko imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona yagenze

Taliki 04 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo

**Uko imikino yagenze**

- APR HBC **39-28** Nyakabanda HC
- Nyakabanda HC **19-43** Gicumbi HBT
- APR HBC **32-35** Gicumbi HBT





# **Boccia :** Hamenyekanye amakipe ane azakina icyiciro cya nyuma

Ikipe ya Gakenke yabaye iya mbere mu byiciro bitatu biheruka, iri mu makipe ane yatsindiye gukomeza mu cyiciro cya kane ari na cyo cya nyuma cya shampiyona y'umukino wa Boccia izasozwa muri Gicurasi 2023.

Taliki ya 4 Werurwe 2023, ni bwo mu Karere ka Kayonza hakiniwe imikino y'icyiciro cya gatatu cya shampiyona y'umukino wa Boccia.
Mu mikino yabaye, ikipe ya Muhanga yatsinze iya Gakenke amanota 6-5, Rutsiro itsindwa na Nyanza 4-3, Gisagara itsindwa na Musanze 10-3, Ngororero itsinda Muhanga 9-2 mu gihe Gakenke yatsinze Gisagara 6-5.

Kwitwara neza kw'ikipe ya Gakenke muri uyu mukino byatumye isoza igice cya gatatu cya shampiyona iyoboye n'amanota 41, ikurikiwe na Ngororero ifite amanota 40. Ku mwanya wa gatatu hari Musanze ifite amanota 38, igakurikirwa na Rutsiro ifite 36 mu gihe Nyanza (30), Muhanga (26) na Gisagara (21).

Amakipe ane ya mbere ni yo yahise abona itike yo kuzakina imikino ya nyuma iteganyijwe muri Gicurasi 2023.

Boccia ni umukino ukinwa n'abakinnyi bafite ubumuga bukomatanyije. Bakina bicaye aho buri umwe aba ahatana no kwegereza agapira ku mupira uba uri mu kibuga bita "Jack".

Impande zombi zishobora gukina umuntu ku giti cye cyangwa nk'ikipe aho buri kipe itanga abakinnyi batatu.

Umukino wa Boccia watangiye ukinwa n'abantu bafite ubumuga bwo mutwe ariko nyuma hongerwamo n'abandi bafite ubumuga bw'ingingo.

Mu 2016 ni bwo Komite y'Igihugu y'Imikino y'Abantu bafite Ubumuga mu Rwanda (NPC Rwanda) yatangije shampiyona y'uyu mukino mu Rwanda.









RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave